

**AHO IBIRO BIHEREREYE:**

Family Intervention Program (FIP)  
(Family Safety Center)  
610 Murfreesboro Pike  
Nashville TN 37210



Porogaramu Igamije Kugoboka Umuryango (FIP) Ikorera mu Kigo Kirengera Umutekano w'Umuryango. Iyo uhageze, uragenzurwa ku birebana n'umutekano.




**Kugira ngo usabe randevu hamagara (615) 862-7773**

Uyu mushinga ushyigikiwe na Award No. 2017-VA-GX-0051 wahembwe n'Iburo Byita ku Bakorewe Ubugizi bwa nabi, Ibiro bya Porogaramu z'Ubutabera, Minisiteri y'Ubutabera ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Binyuze mu Biro byo muri Tennessee Bishinzwe Ubutabera Burebana n'Ubugizi bwa nabi.

Kinyarwanda

**GUSUBIRA KUBYUTSA UMUTWE**



“Uburyo bwiza bwo kuva mu ngorane ni uguhangana na yo.”

*Nta zina rivugwa*



“Ibituri imbere n'ibituri inyuma ni bike ugereranyije n'ibiturimo.”

*Ralph Waldo Emerson*



## MU GIHE WOVE CYANGWA UMUNTU UZI MUKOREWE UBUGIZI BWA NABI

Ahantu hose hakorewe igikorwa cy'ubugizi bwa nabi, abantu benshi bibagiraho ingaruka — uwahohotewe, abagize umuryango, inshuti ndetse n'abantu bose bo mu gace atuyemwo. Nta muntu n'umwe witeguye haba ku mubiri cyangwa ku mutima guhangana n'ingaruka z'igikorwa cy'ubugizi bwa nabi zishobora kubangiza baba abagiriwe nabi n'imiryango yabo n'inshuti. Ishami rya Polisi ya Metropolitan Nashville (MNP) ryababajwe n'akababaro kagaragara katewe ubuzima bwabo bukagirwaho ingaruka n'igikorwa cy'ubugiranabi bakorewe, Ishami rya Polisi ya Metropolitan Nashville ryatanze ubujyanama, ryakoze ubuvugizi, kandi ritanga serivisi zo gufasha abahohotewe kubera igikorwa cy'ubugiranabi bakorewe n'abandi ubuzima bwabo bwagizweho ingaruka n'igikorwa cy'ubugizi bwa nabi cy'urugomo cyabahungabanyije kuva mu mwaka wa 1975.

## UBUFASHA BURI AHA

Mu mwaka wa 2016, porogaramu ebyiri z'ubujyanama n'ubuvugizi za MNP, Porogaramu yo kugoboka abahohotewe (VIP) n'iy'Ubuujyanama Bugenewe Abahuye n'Ihohoterwa Rikorerwa mu Ngo zabumbiwe hamwe zihinduka Porogaramu yo Kugoboka Umuryango (FIP). Izi serivisi zari zishingiye ku gitekerezo cy'uko umuntu wese wagize ikibazo k'ihahamuka bitewe n'igikorwa cy'ubugizi bwa nabi yagiriwe agomba kugobokwa ku buntu kandi ako kanya kandi agakurikiranwa. FIP ikorwamo n'abakozi babifitiye uburenganzira b'abanyamwuga mu ndwara zo mu mutwe, hamwe abavugizi babifitemo ubumenyi, FIP yiyemeje gufasha abantu bagizweho ingaruka n'igikorwa cy'urugomo kugira ngo ibagaruremo amahoro no guhagarara batadigadiga mu buzima bwabo. Ikemezo uwahohotewe afata mu bugenzacyaha nta garuka kigira mu kwemererwa muri iyi porogaramu.

Icyo FIP igambiriye ni ugutanga serivisi zo gufasha mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe n'ubuvugizi muri sisitemu y'ubutabera mpanabyaha aho hose abantu, imiryango, na/cyangwa kominote bagizweho ingaruka n'igikorwa cy'ubugizi bwa nabi cy'urugomo. Serivisi zose ni ubuntu, zitangwa mu ibanga, kandi zigatangirwa ahantu hubaha imico itandukanye: bubaha ubwoko, idini, ukwemera, no kuba umuntu yaba ari umutinganyi cyangwa atari we.



## SERIVISI ZAGUTSE

Abakozi bumva ikibazo n'umuco w'umuntu bafasha muri:

### KUGOBOKA ABANTU MU GIHE BAHUYE N'IKIBAZO

Telefoni yitaba abahohotewe kimwe n'abenegihugu amasaha 24, yatangijwe n'abakozi bakuru bitaba terefoni, mu gihe hari igikorwa cy'ubugizi bwa nabi kimenyeshejwe.

### UBUJYANAMA

Serivisi z'ubujyanama bw'ubunyamwuga zihabwa abantu, abagize umuryango n'abandi bantu bagizweho ingaruka n'igikorwa cy'ubugizi bwa nabi. Amatsinda yunganira abaturage bahohotewe/barokotse banyuranye aguhora hafi mu gihe cy'umwaka.

### IGISUBIZO K'ITSINDA MU GIHE HARI IKIBAZO

Kugobokwa n'itsinda mu gihe hari ikibazo bikorerwa umuntu ubisabye mu gihe ibikorwa by'ubucuruzi, amashuri cyangwa andi matsinda byagizweho ingaruka n'urugomo.

### UBUVUGIZI & GUCUNGA DOSIYE

Kwerekera inzira, ubufasha, n'ubusobanuro mu rubanza kuri polisi no mu rukiko. Hatangwa imfashanyo ituma umuntu abona ibyangombwa by'ibanze kandi imufasha gushyikiriza dosiye Urwego Rushinzwe Ibirebana n'Indishyi z'Igikomere cyatewe n'Igikorwa cy'Ubugizi bwa nabi muri TN.

### SERIVISI ZIDASANZWE

Ubuuvugizi butanga igisubizo cyubahiriza umuco/kwegera abaturage banyuranye b'i Nashville harimo no kwifashisha inzobere mu birebana n'impunzi n'abimukira, abakozi bavuga indimi ebyiri, amakuru atangwa mu ndimi zinyuranye, no kwifashisha abasemuzi igihe ari ngombwa.

### KUGISHA INAMA NO GUHUGURA

Hari ibisobanuro bihabwa amatsinda yo muri kominote n'abakozi b'abanyamwuga kugira ngo barusheho kumenya no gusobanukirwa serivisi zitangwa na FIP, ingaruka ziterwa n'ihahamuka/guhohotera; no gusobanukirwa n'umuco n'uburyo bwo kubonera igisubizo abaturage bihariye bahohotewe.

### AMAKURU N'UBWIRUKIRO

Guhuza ibikorwa by'abatanga serivisi z'ubuzima, serivisi zijyanye n'imibereho myiza na sisitemu y'ubutabera bujyanye n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi.

## NI WOVE UHAMAGARA

Intego nyamukuru ya Porogaramu Igamije Kugoboka Umuryango ni ugufasha abantu n'abagize imiryango yabo kongera kugira amagara meza no kubaho neza nyuma yo guhura n'ikibazo gikaze. Niba wowe cyangwa umuntu uzi yakorewe igikorwa cy'ubugizi bwa nabi, nyamuneka hamagara numero yabugenewe iri hasi ku rutonde.

### Porogaramu Igamije

**Kugoboka Umuryango** (615) 862-7773

### IZINDI NOMERO WAHAMAGARA

Amaperereza ya Polisi:

Ibiro bya Polisi byo mu Majyaruguru (615) 862-7901  
Ibiro bya Polisi byo mu Magepfo (615) 862-7763  
Ibiro bya Polisi by'i Burasirazuba (615) 862-7525  
Ibiro bya Polisi by'i Burengerazuba (615) 862-7385  
Ibiro bya Polisi bya Midtown Hills (615) 880-1513  
Ibiro bya Polisi bya Hermitage (615) 862-6993  
Ibiro bya Polisi bya Madison (615) 880-3311  
Ibiro bya Polisi byo Hagati (615) 862-7044  
Ibiro Bishinzwe Ibyaha by'Ihohotera Rishingiye ku Gitsina (615) 862-7540  
Ishami Rishinzwe Ihohotera Rikorerwa mu Ngo (615) 880-3000  
Ibiro by'Umwunganizi mu Mategeko w'Akarere (615) 862-5500  
Urwego Rushinzwe Ibirebana n'Indishyi z'Igikomere cyatewe n'Igikorwa cy'Ubugizi bwa nabi muri TN (615) 741-2734

REBA INYUMA KU RUPAPURO IKARITA N' INZIRA ZIHAGANA

f.i.p.  
FAMILY  
INTERVENTION  
PROGRAM

(615) 862-7773